
N92 Mutarama 2014

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## Ijambo ry'ibanze

**Intumwa idasanzwe y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe uburenganzira bwa muntu, Maina Kiai yageze i Kigali kuwa Kabiri tariki 21.01.2014 aho biteganyijwe ko azagenzura uko ikigero cy'uburenganzira bwo kugira amahuriro mu ituze bwifashe.**

**Uru rugendo rwa Kiai mu Rwanda ni urwa mbere mu gukusanya amakuru kuri iyi ntumwa y'ishami rya Loni rishinzwe uburenganzira bwa muntu, akazagenzura ndetse akanirebera uburyo uburenganzira bwo kugira amahuriro mu ituze byubahirizwa aho azanakomereza mu bihugu bitandukanye ku Isi.**

**Mu ruzinduko rw'iminsi irindwi, biteganyijwe ko Kiai azabonana na bamwe mu bayobozi bakuru b'u Rwanda, abarebana n'iby'ubutabera, abo mu Nteko Ishinga Amategeko; Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, sosiyete sivile, Abadipolomate n'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki.**

**Akaba we ubwe na delegasiyo bari kumwe basuye ihuriro kuri uyu wa gatatu tariki 23.01.2014.**

**Iyi ntumwa idasanzwe ya Loni izatanga raporo ya nyuma mu nama ya 26 y'uburenganzira bwa muntu iteganyijwe muri Kamena 2014.**

**Nkuko Umwanditsi w'Akanyamakuru Makuru ki mu Ihuriro abikesha ibiro ntaramakuru by'Abashinwa (Xinuah) Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara mbere y'uko ahaguruka ku cyicaro cy'Umuryango w'Abibumbye; ryagiraga riti "Uburenganzira ku gukora amahuriro mu ituze ni ingenzi muri demukarasi, kandi ibihugu birahamagarirwa kubyubahiriza ari nako bibungabunga uburenganzira bwa buri wese ukora ihuriro mu mutuzo."**

**Iri genzura ni irya mbere rikozwe mu Rwanda n'intumwa yihariye ya Loni nk'uko iyi delegasiyo yabidutangarije.**

***Ubwanditsi***

## IHURIRO RYAKIRIYE INTUMWE IDASANZWE YA LONI



*Ifoto y'urwibutso n'Intumwa idasanzwe y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe uburenganzira bwa muntu, Bwana Maina Kiai*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana Kayigema Anicet mu biganiro na Bwana Maina Kiai, Intumwa idasanzwe y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe uburenganzira bwa muntu waje kugennzura uko ikigero cy'uburenganzira bwo kugira amahuriro mu ituze bwifashe mu Rwanda, yamusobanuriye icyo Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ari cyo, amavu n'amavuko y'iri huriro, inshingano n'inzego zaryo.

Yamubwiye ko iri Huriro ari Urubuga rusesuye Imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda yabisabye kandi ikabyemererwa ihuriramo ikungurana ibitekerezo, ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu, igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu hagamijwe kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu; rukaba Urwego ruhoraho rwo kongerera ubushobozi imitwe ya politiki irigize mu kunoza imiyoborere yayo no gutunganya umurimo wa politiki; ati "ni n'Urubuga rwo gukemura amakimbirane no gushimangira imyitwarire ikwiye kuranga Imitwe ya politiki".

Yababwiye ko muri 2003 igihe hatorwa Itegeko Nshinga, Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye bemeje ko ryashinga imizi, Ihuriro riba urwego ruhoraho rushimangira uruhare rw'Imitwe ya politiki mu gushyigikira gusangira ubutegetsi, kubahiriza ihame rya demokarasi ishingiye ku mashyaka menshi,

Yabasobanuriye kandi inzego z'Ihuriro n'uburyo zuzuzanya, aho yababwiye ko urwego rukuru rw'Ihuriro ari Inama Rusange, riyoborwa na Biro, rikanagira kandi za Komisiyo eshatu zihoraho n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa, bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro utorwa n'Inama Rusange n'abandi bakozi bamwunganira mu gushyira mu bikorwa imyanzuro y'Inama rusanga n'indi mirimo ya buri munsi y'Ihuriro.

Iyi ntumwa idasanzwe ya Loni yashimye imikorere y'Ihuriro cyane cyane uko itera inkunga Imitwe ya politiki igize iri Huriro kugira ngo ikore umwuga wa politiki ishingiye ku ihame rya Demokarasi aribyo bishingirwaho mu kureba ikigero cy'uburenganzira bwo kugira amahuriro mu ituze mu bihugu bigize Umuryango w'Abibumbye.

## ABAZAHUGURA ABANDI MURI GAHUNDA Y'AMAHUGURWA AGENEWE ABAYOBOZI B'IMITWE YA POLITIKI MU NZEGO Z'IBANZE BARAHUGUWE

Tariki ya 11-12/01/2013 kuri Hotel La Palisse I Nyandungu, habereye ibiganiro bigamije kwereka abatoranijwe n'Imitwe ya politiki guhugura abayoboke bayo mu nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Umutwe wa politiki n'uburyo bazategura ibiganiro bigenewe abazahugurwa ndetse bahabwa n'imfashanyigisho bazifashisha muri icyo gikorwa.



*Umunyamabanga Nshingwabikorwa afungura ibiganiro*

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana KAYIGEMA Anicet mu gutangiza ibi biganiro, yabwiye ababyitabiriye ko iyi ari gahunda Ihuriro ryateguye igenewe abayobozi n'abayoboke b'Imitwe ya politiki bo mu nzego z'ibanze bafite intera y'ubumenyi buringaniye, kandi bafite ahanini inshingano z'ubukangurambaga no gucengeza amatwara mu Mutwe wa politiki mu nzego z'ibanze hakurikijwe inshingano zitandukanye buri wese afite mu Mutwe wa politiki abarizwamo.
Yababwiye kandi ko ari gahunda y'igihe kirekire, aho izamara imyaka itanu, ikaba yarateguwe n'Ihuriro ariko ikazajya ishyirwa mu bikorwa ku bufatanye bw'Imitwe ya Politiki n'Ihuriro.
Mu kuyishyira mu bikorwa, Imitwe ya politiki yasabwe kugena abarangije muri gahunda y'amahugurwa y'urubyiruko rwo mu Mitwe ya politiki (Youth Political Leadership Academy/YPLA ), kuko bafite ubumenyi n'ubuhanga byafasha gutanga ibiganiro ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi bw'Imitwe ya politiki yabo.
Bakazanaboneraho umwanya wo kwiyongerera ubunararibonye mu gutegura no gutanga ibiganiro ku nsanganyamatsiko zijyanye na politiki.
Yerekana ibice bigize iyi gahunda Bwana JIJUKA Zephyrin, Umuhuzabikorwa wa za Gahunda mu Ihuriro yabwiye abazatanga aya mahugurwa ko iyi mfashanyigisho bagiye guhabwa igizwe n'intenganyanyig-



*Umuhuzabikorwa wa za Gahunda mu Ihuriro*

Igice cya mbere kigizwe n'Imiterere rusange y'Integanyanyigisho aho muri iki gice hagaragaramo impamvu y'aya mahugurwa, abo amahugurwa agenewe n'intera y'ubumenyi bagomba kuba bafite, intego z'integanyanyigisho, uburyo n'inzira by'imyigishirize, uburyo bwo guhitamo abahugurwa, ururimi rukoreshwa mu gihe cy'amahugurwa, ibyiciro amahugurwa akorwamo, igihe gahunda y'amahugurwa izamara, inshingano za buri rwego mu barebwa n'amahugurwa n'uburyo bw'isuzumabumenyi n'ikurikirana bikorwa.
Igice cya kabiri cy'iyi nteganyanyigisho kikaba kigaragaza Imbumbanyigisho n'insanganyamatsiko zizigishwa arizo zikurikira : Imitwe ya politiki, inshingano n'imikorere yayo muri demokarasi; Uruhare rw'imitwe ya politiki mu miyoborere n'iterambere by'Igihugu; hagasoza imbumbanyigisho ivuga ku ihiganwa muri politiki, amatora, amategeko n'amabwiriza agenga ibihe byo kwiyamamaza. Yakomeje yerekana ko iyo mfashanyigisho izaba igikoresho (tool) kizajya cyifashishwa n'imitwe ya politiki mu gutegura amahugurwa nyongera-bumenyi n'ubukangurambaga ku bayoboke b'iyo mitwe ya politiki hagamijwe kubashishikariza kugira uruhare rugaragara mu miyoborere myiza n'iterambere



Nyuma yo guhabwa ingingo nkuru z'ibikwiye kwibandwaho mu gihe cyo gutegura icyigwa, bashyizwe mu matsinda, batangira kwimenyereza uburyo bwo gutanga ibiganiro aho buri tsinda ryagaragaje ubuhanga, haba mu gutegura, haba no kwigisha.



*Umwe mu bazatanga amahurwa mu myitozo yo kwerekana uko bazitwara*

Asoza ibi biganiro, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yabwiye abazajya gutanga aya masomo ko Ishyirwa mu bikorwa ry'aya mahugurwa rizibanda ku buryo bw'imyigishirize bushishikariza buri wese mubayakurikiye kugira uruhare rugaragara mu myigire ye.

Yerekanye ko iyi mfashanyigisho igamije gushyira imbere no kwita ku ndangagaciro zigomba kuranga umunyapolitiki n'umuyobozi nyawe, uburyo bwo kwiga hashingiwe ku ngero n'ibikorwa bizwi mu buzima bwa buri munsi buzitabweho by'umwihariko". Yakomeje asaba asaba abazahugura kandi ko inyigisho itazashingira ku ukwiharira ijambo ku uhugura gusa, ahubwo izashingira ku bivugwa n'ibikorwa by'abahugurwa"
Yababwiye ko nibakoresha ubu buryo butoza uhugurwa ibikorwa bijyanye n'inshingano ze bizafasha buri wese kwiyubakamo icyizere cy'ubushobozi bwe ndetse no kumva ko agomba guhuza imvugo ye n'ingiro.
Yababwiye ko isuzuma rusanga ry'imitangirwe y'ibi biganiro rizakorwa nyuma y'amezi atandatu ariko nk'uko yabivuze mu gutangira iyi gahunda izamara imyaka itanu kandi buri cyiciro kikajya gikorerwa igenzura kugira ngo hanozwe n'ibizaba bita-